

MAGAZINE



MY STORY - MY VOICE



SAVE GENERATIONS ORGANIZATION

NO: 10



Save Generations Organization

Prepare, Empower and Equip the Future Generations

Umuryango nyarwanda, utari uwa Leta, uharanira iterambere ry'umwana, urubiruko n'umugore.

Iki kinyamakuru cyanditswe ndetse gisohorwa na **Save Generations Organization** itewe inkunga na **Plan International Rwanda**



UKENEYE AMAKURU KU BURYO BURAMBUYE WABARIZA AHA HAKURIKIRA:

Ikicaro gikuru cya Save Generations Organization: Rwanda-Kigali-Gasabo-Remera – Nyabisindu-KG 8AV- Inzu no 104.

Website	E-mail	YouTube	Twitter	FB, IG & LinkedIn	Telephone
www.sgorwanda.rw	savegenerationsorganization@gmail.com	SGO Rwanda Official	@SaveGenOrg	Save Generations Organization	+250783812690 +250786182806

INKURU YANJYE MU IJWI RYANJYE



Bangavu.Ngimbi.Rubyiruko.

Tuganire nanjye!!!

I JAMBO RY'IBANZE

Muraho!

Bangavu, ingimbi namwe rubyiruko, ikibazo cy'ubuzima bw'imyororokere n'uburenganzira bubushamikiyeho, ni kimwe mu bibazo byugarije urubyiruko ku isi harimo no mu Rwanda, kenshi na kenshi usanga urubyiruko rudafite amakuru ahagije ku bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere n'uburenganzira bijyanye, abenshi mu bangavu, ingimbi n'urubyiruko muri rusange usanga badafite ubumenyi, imyumvire n'ubumenyngiro bihagije cyangwa bikwiye ku bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere. Umuryango **Save Generations Organization (SGO)** utewe inkunga na **Plan International Rwanda** wishimiye kubagezaho ikinyamakuru **“Tuganire ku buzima bw'imyororokere**, kizwi nka **“MY STORY, MY VOICE”**, kigamiye guha umwanya abangavu, ingimbi n'urubyiruko abiga n'abatiga bagasangiza bagenzi babo inkuru z'impinduka ku buzima bwabo ku bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere, ndetse no kwikorera ubuvugizi ku bibazo bikibugarije bibazitira mu kubona uburenganzira bwabo bwo kubona amakuru ku buzima bw'imyororokere.

Abangavu, ingimbi n'urubyiruko bari hagati y'imyaka 10-24 bo mu Karere ka Bugesera mu Mirenge ya Kamabuye na Ngeruka, mu bigo by'amashuri aribyo G.S Biharagu, G.S Rutonde, G.S Twimpara na G.S Nyakayaga aho Save Generations Organization isanzwe ikoreramo ibikorwa byayo byo kongerera ubumenyi abangavu, ingimbi n'urubyiruko ku buzima bw'imyororokere n'uburenganzira bijyana babashije guhabwa amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere n'uburenganzira bijyana, kuri iyi nshuro abangavu, ingimbi, urubyiruko, abafashamyumvire n'umujyanama mu buzima bw'imyororokere barasangiza bagenzi babo amakuru y'ukuri n'uburenganzira bwabo ku buzima bw'imyororokere, serivise z'ubuzima bw'imyororokere naho zitangirwa. Bagaragaje ko abangavu, ingimbi n'urubyiruko abiga n'abatiga muri rusange ko bashobora guhura n'ingorane zitandukanye mu gihe badafite ubumenyi bushingiye ku makuru nyayo. Muri iki kinyamakuru murasangamo inkuru zitandukanye, zigamiye kwigisha no gukora ubuvugizi bwa bimwe mu bibazo bikibugarije bishingiye ku buzima bw'imyororokere n'uburenganzira bijyana; harimo n'inyigisho zisoza zikubiye mu kiganiro cyiswe **“Tuganire nanjye”**

“

Ese wowe ni gute wagira uruhare mu gusangiza bagenzi bawe ubu bumenyi? Bahe ikinyamakuru nabo basome, nawe uzatwandikire icyo byagufashije kuri info@sgorwanda.rw, ibuka gushyiraho aho waturutse, niba wiga cyangwa utiga, umwaka wigamo n'imyaka ufite, utubwire niba uri umukobwa cyangwa umuhungu, ndetse n'ubutaha ubishatse ukazaduha inkuru yawe tukayisangiza abandi.

”

Urararitswe, Ntucikwe!!!!!!!!!!!!

Dore uko twaganiriye



Ni ngombwa ko abangavu, ingimbi n'urubyiruko tunganirizwa ku buzima bw'imyororokere n'uburenganzira bijyana???

A Bangavu, ingimbi n'urubyiruko bahura n'ibibazo byinshi bishingiye ku kutagira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere n'uburenganzira bijyana, iyo batagize amakuru ahagije ku buzima bw'imyororokere n'uburenganzira bijyana, bahura n'imbogamizi zitandukanye ku buzima bwabo zishingiye ku kutamenya,

twavuga mo kutamenya serivise bemerewe guhabwa ku buzima bwabo bw'imyororokere, ikigero cy'imyaka bisaba ndetse ntibamenye naho bakura izo serivise mugihe bazikeneye, abangavu n'ingimbi bo mu bigo by'amashuri Save Generations Organization ikoreramo mu karere ka Kamonyi na Gasabo twaganiriye umva icyo babivuzeho:

Twese abakobwa
n'abahungu kugira
amakuru ku buzima
bw'imyororokere
n'uburenganzira bijyana
biratureba!!!





NItwa **UWIZEYIMANA Emmanuel**, mfite imyaka 19, ndi Umunyeshuri niga mu mwaka wa 6 w'amashuri yisumbuye mu kigo cy'amashuri gisherereye mu karere ka Bugesera, Iyo nabaga ndikumwe n'abandi bahungu tungana kenshi nakenshi wasangaga tunganira ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere ariko higanjemo amakuru y'ibihuha, ntanumwe muri twe wabaga yabasha gukosora undi kuko ntawarufite amakuru yizewe bitewe nuko tutagiraga aho tuyakura hizewe, ubumenyi twabaga dufite kuri byo nubwo twabaga twakuye mu mashuri tubyigishijwe ariko nabwo ugasanga nubwo tubyiga ntiduhabwa amakuru yose uko bikwiye, ubwo Save Generations Organization yazaga mu kigo cyacu bakatubwira ko tuzahabwa amakuru ku buzima bw'imyororokere numvise mbyishimiye cyane, nahise njya muri karabu, (Club) ubwo dutangira guhabwa inyigisho zivuga ku buzima bw'imyororokere, nasobanukiwe bimwe mubyo nitiranyaga jye nabajenzi banjye, aho twari tuzi ko imihango ku mukobwa ari uburwayi, sinashoboraga kuba nakwaka serivise iyo ari yo yose ku buzima bw'imyororokere kuko numvaga ari igisebo kuri jye, Narimfite amakuru y'ibihuha pe! Kuburyo nashoboraga kwishora mu bishuko ndetse ngashuka nabajenzi banjye Atari urwango cyangwa se kubakoresha ikibi nagambiriye ahubwo ari ukudasobanukirwa, ibaze ko narinzi ko umuhungu uzanye ibihari cyangwa umukobwa ufite ibishishi kugirango akire aruko akora imibonano mpuzabitsina idakingiye, uretse ibi narinzi ko umuhungu ukoze imibonano mpuzabitsina n'umukobwa bahagaze nabwo umukobwa atasama, maze gusobanukirwa nasanze kwari ukwibeshya

Nkatwe urubwiruko kugira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere ni uburyo bwiza bwo kwiubakira ejo heza hazaza

Ubu nasobanukiwe neza ko ari byiza kwirinda turushaho kwifata, byakwanga umuntu agakoresha agakingirizo mugihe cy'imibonano mpuzabitsina, ibi biturinda ibyago birimo kwandura no kwanduza indwara zandurira mu mibonanompuzabitsina, guterwa no gutera inda tukiri bato usanga bidukururira nizindi ngaruka mbi mu buzima bwacu, nko gutakaza amashuri n'ibindi,

Bajenzi banjye abenshi ntibasobanukirwa cyangwa se ngo bagire amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere, hari abagifite amakuru yiganjemo ibihuha, nkabahungu hari abumva ko aribo bafite gufata icyemezo icyo ari cyo cyose ku mukobwa, harabo tunganira nagerageza kubigisha mbabwira ko umukobwa afite uburenganzira bungana n'ubwumuhungu, ukabona ko bibatunguye, icyo nabwira abahungu bagenzi banjye bamenye ko twese dufite uburenganzira bungana, yaba mu mikorere cyangwa se ku buzima bw'imyororokere, twemerewe guhabwa serivise z'ubuzima bw'imyororokere, mureke dusobanuze icyo tudasobanukiwe, ejo tutazishora mu muriro utazima bitewe no kudasobanukirwa, iyi si ntago isakaye, mugihe kwifata byatunaniye basi tumenye kwirinda dukoreshe agakingirizo mugihe cy'imibonano mpuzabitsina.

Ndashimira cyane Save Generations Organization yadusize amavuta yo kurabagirana tugasobanukirwa byinshi tutari tuzi, nkatwe urubwiruko, kuri jye navuga ko yambereye ikiraro kinyambutsa mva mu bibi njya mubyiza, kurubu ubumenyi nahawe mbasha kubujyeza kuri bajenzi banjye mbinyujije mu ikinamico ariho nakuye izina "Millionaire" nubwo nkina abambona bikabanezeza ariko bakuramo amakuru yabafasha kuko haba higanjemo amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere.



Sinarinzi agaciro kanjye n'ubushobozi nifitemo bwo kwimenya ngo menye agaciro kanjye mu maso y'abandi, kumenya uwo ndiwe byari

Kure pe!

Nitwa **UMUHUZA MUTUYIMANA Jenifa**, mfite imyaka 19, ndi Umunyeshuri niga mu mwaka wa 6 w'amashuri yisumbuye mu kigo cy'amashuri gihereye mu karere ka Bugesera.

Nari umukobwa utigirira ikizere, numvaga ntanakimwe nakwishoboza kuko nibwiraga ko ntacyo umukobwa ashoboye, sinarinzi agaciro kanjye n'ubushobozi nifitemo bwo kwimenya ngo menye agaciro kanjye mu maso y'abandi, kumenya uwo ndiwe byari kure pe! nari wawundi udashobora kuba nagira isoni cyangwa ipfunwe ryo kwanga kujya mu nzira zose zije imbere yanjye, kuko abandi bari kuzinyuramo cyangwa kuko ariyo mahitamo ahari nyamara adakwiye. Sinarinzi ko Kwiha agaciro ariyo nkingi yo kugera ku ntego umuntu yihaye, niyumvishaga ko abakobwa tudashoboye, nyamara siniyumvishe ko kugira ngo wubake agaciro kawe, ugomba kubanza kumva ko kutiha agaciro bizana ingaruka mbi mu buzima bwawe ko ari wowe wa mbere bigiraho ingaruka bityo ni nawe wo gufata iya mbere mu kwikura muri uwo mwobo.

Ibi byose namenye ko nibeshyaga ubwo nahabwaga amahugurwa na Save Generations Organization yaduhuriye hamwe muri Kalabu mu kigo nigaho, baratwigishije duhabwa amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere ndetse nsobanukirwa n'ibindi byinshi ntari nsobanukiwe,

twahawe imfashanyigisho zirimo ibitabo bivuga ku buzima bw'imyororokere, dukura inyigisho mukinyamakuru tunganire ku buzima bw'imyororokere **"My Story My Voice"**, aho twabashije gusangizwa ubuhumya n'inkuru n'abandi bagenzi bacu babashije guhugurwa bagahindura imyumvire itariyo bari bafite ku buzima bw'imyororokere, ubwo nanjye nahise ngira umuhate n'ubushake bwo kurushaho kumenya amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere mbikesha no kuba muri Kalabu ya Save Generations Organization mu kigo nigamo, mugihe mbere ntarinzi gutandukanya ubuzima bw'imyororokere n'imibonano mpuzabitsina ndetse nuburyo umuntu abytwaremo ariko ubu namenye neza ko Ubuzima bw'Imyororokere ari imiterere, imikurire, imikorere, imihindagurikire y'umubiri, n'uburyo izo mpinduka zigaragara mu myifatire y'umuntu, hari urubyiruko bajyenzu banjye tujya tunganira nkumva ibitekerezo byabo ubwabo batinya kuba babaza ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere kuko bibwira ko biteye isoni ndetse batinya ko abababona babafata muyindi shusho cyangwa se ngo babite abasambanyi, ndagirango mbabwire ko Kugira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere atari inzira zo kwishora mu mibonano mpuzabitsina nk'uko abenshi babyibwira! Namenye ko abangavu, ingimbi n'urubyiruko bafite amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere, bibafasha kwirinda kugendera mu bigare by'urungano kandi bikabafasha gufata ibyemezo bikwiriye.



INAMA NAGIRA ABAKOBWA BAGENZI BANJYE!

Abakobwa bagenzi banjye nabagira inama yo kwikunda, nimwige kwikunda mukunde abo muri bo, mureke dukunde umubiri wacu, twirinde abaza badukorakora bagambiriye kwishimisha kuko kenshi baba bagamije kudushora mu ngeso mbi z'ubusambanyi, duharanire kugira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere n'uburenganzira bijyana, ntawemerewe kubutuvutsa, buri wese ashobora kubukoresha uko abishaka yifashishije amakuru afite ariko tukamenya kubukoresha neza ntawe tubangamiye.



Nitwa **NSENGIYUMVA Cedric**, mfite imyaka 12, ndi Umunyeshuri niga mu mwaka wa 6 w'amashuri Abanza mu kigo gihereye mu karere ka Bugesera.

Nakuze nzi ko ntamukobwa ugira ijambo mu bandi, kenshi numvaga bavuga ko ijambo rigira abahungu cyangwa abagabo, byatumaga nishyiramo ko igitekerezo cy'umukobwa cyangwa umugore ntacyo cyafasha umuntu, ibi nabyumvaga mu bandi bajenzi banjye, byatumaga nanjye ubwanjye nta nama nshobora kugisha umukobwa kuko niyumvishaga ko ntacyo yambwira kinyubaka, ku buzima bw'imyororokere nakuze numva abandi bajenzi banjye bavuga ngo iyo ukuze udakoze imibonanompuzabitsina ubyimba umutwe, nyamara nasobanukiwe neza ko atari byo, Maze kugera muri Club ya Save Generations Organization nasanze ari ukwibeshya cyane, nasanze umukobwa afite agaciro kangana nako umuhungu afite, nasobanukiwe neza ko umukobwa nawe ashoboye ntacyo umuhungu yakora umukobwa atakora, uburenganzira twese dufite burangana, yaba mubwo dukora cyangwa se dukorerwa, buri wese afite uburenganzira bwo guhitamo ibimukorerwa ntawundi ubijizemo uruhare, mugihe hari undi ushatse kuguhitiramo ibigukorerwa utabijizemo uruhare biba ari ihohotera agukoreye, ibi hari benshi batabisobanukiwe ariko bamenye ko buri wese afite uburenganzira ku bimukorerwa, afite uburenganzira ku bikorerwa umubiri we,

Nakuze numva bagenzi banjye bavuga ngo umuhungu ukuze adakoze imibonano mpuzabitsina ambyimba umutwe!!

afite uburenganzira bwo guhabwa serivise ku buzima bw'imyororokere nko kugirwa inama, guhabwa serivise zitangirwa kwa muganga cyangwa ku kigo ndera buzima, guhabwa imiti mu gihe ayikeneye no kurindwa ihohoterwa iryo ari ryo ryose.

Nashimishijwe nuko nahawe amahirwe yo kuba muri Club ya Save Generations Organization ku ishuri nigaho, bituma mbasha gusobanukirwa byinshi ntarinzi, nkava mu gatsiko kabajenzi banjye bagendera ku makuru y'ibihuha baba barakuze bumvana abandi, ndetse nkabasha no kwigisha bagenzi banjye nkabaha amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere mugihe tunganira.

NK'INGIMBI, UKABA WARAHUGUWE KU BUZIMA BW'IMYOROROKERE, NI IYIHE NAMA WAGIRA BAGENZI Bawe ?

Bagenzi banjye tungana b'abahungu, ni ingenzi ko bamenya amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere, by'umwihariko ku bangavu n'ingimbi, ni ingenzi kandi ni uburenganzira bwacu, bituma turushaho kumenya gufata ibyemezo bikwiriye ku mibiri yacu no gutegura ejo hacu hazaza heza.



Nitwa **DUSENGIMANA Celestin**, mfite imyaka 16, ndi Umunyeshuri niga mu mwaka wa 3 w'amashuri yisumbuye mu cyigo gihereye mu karere ka Bugesera, Kenshi urubyiruko muri rusange abenshi baracyafite amakuru y'ibihuha ari nayo mpamvu abenshi bahura n'imbogamizi zijiyeye zitandukanye zishingiye ku kutagira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere, ibi usanga biterwa nuko abenshi batagira ababaganiriza ngo babaha amakuru y'ukuri hubwo ugasanga ari ukuba mu bihuha duhabwa n'ibigare bya bagenzi bacu twirirwana, nanjye narinzi ko yaba jye cyangwa abakobwa turi mu cyigero cyimwe cy'imyaka tudakwiye guhabwa serivise zubuzima bw'imyororokere, numvaga bitatureba ari ibyo kwamuganga gusa, iyo bashiki bacu bajyaga mu mihango baraduhishaga cyane kubera kutamenya ko hari ubufasha twabaha, ahubwo kenshi nabo ubwabo babifataga nkigisebo, byatumaga jye nabajyenzu banjye tugira amakuru menshi y'ibihuha twumvane abandi andi tukayahabwa na bashiki bacu bashaka kudukubwira ko bari mu mihango. Maze kugera muri Save Generations Organization nahinduye imyumvire narimfite ku buzima bw'imyororokere, nasobanukiwe neza ko imihango ku bakobwa atari igisebo nkuko twabibwirwaga na bashiki bacu.

Kutabona aho dukura amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere biri mu bituma tutamenya neza serivise twemerewe ku buzima bw'imyororokere ahubwo ugasanga duhorana amakuru y'ibihuha

Kuri ubu, narasobanukiwe cyane, ngira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere ndetse mbasha gutanga ubufasha no kuri bagenzi banjye, yaba kubasangiza ubumenyi namenyeye cyangwa kubaha ubundi bufasha mugihe bukenewe, nkubu umukobwa uri mu mihango nabasha kumuzanira ibikoresho byisuku yakwifashisha mugihe abinsabye kuko numva ko nta gisebo cyirimo.

Abahungu bajyenzu banjye ndetse n'abakobwa muri rusange bakwiye kumenya ko bemerewe guhabwa amakuru k'ubuzima bw'imyororokere na serivise z'ubuzima bw'imyororokere, abahungu kandi twirinde gushora bashiki bacu mubishuko kuko ntacyiza cyibibamo, nsaba ababyeyi ko nabo bakwiye kuba hafi yabana babo, bakabatega amatwi ndetse bakabaganiriza ku buzima bw'imyororokere.



Muri rusange yaba abangavu, ingimbi n'urubwiruko bose bakwiye kugira amakuru y'ukuri ku buzima bwabo bw'imyorokere, bibafasha kwisobanukirwa ndetse bakagira amahitamo nyayo mu byo bakora, babasha kumenya serivise z'ubuzima bw'imyorokere ndetse bakamenya naho zitangirwa.

IJWI RY'ABANGAVU, INGIMBI N'URUBYIRUKO.



1

Twebe abangavu, ingimbi n'urubyiruko turasaba ibigo bya leta cyangwa ibyigenga harimo na Save Generations Organization ndetse n'indi miryango yigisha ku buzima bw'imyorokere ko bakongera imfashanyigisho zigisha ku buzima bw'imyorokere zigahabwa urubyiruko yaba abari mu mashuri n'abatari mu mashuri, kugirango tubashe kugira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyorokere, ibi bizadufasha kugira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyorokere bityo ibihuha bigabanuke mu bangavu, ingimbi n'urubyiruko muri rusange, ndetse tuzabasha kugira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyorokere n'uburenganzira bijyana.

2

Mu biganiro byo mu matsinda, abangavu bagaragaje bimwe mu bibazo bahura nabyo harimo ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorerwa abangavu, bamwe bakanaterwa inda bakiri bato, ariko ntibahabwe ubutabera kubera ikibazo cyo guhishira abakoze ibyaha. Bagaragaje ko mu bangavu benshi batewe inda, imiryango yabo iba iya mbere mu guhishira uwahohoteye uwo mwangavu. Babyita guharanira ishema ry'umuryango bagaceceka. Ingaruka zigaragara bahura nazo ni ihungabana no kutabona ubutabera n'ubufasha mu gihe bahohotewe.



Muraho!

Nitwa Nizeyimana Vestine

Umuyobozi w'ikigo w'ungirije ushinzwe imyitwarire mu ishuri rihereye mu karere ka Bugesera.

Nkurikije inyigisho nahawe na Save Generations Organization k'ubuzima bw'imyorokere kuri ubu byaramfashije cyane, kenshi na kenshi abangavu, ingimbi n'urubyiruko tubana nabo umunsi ku munsi usanga bahura n'ibibazo bishingiye ku mihindagurikire y'umubiri, bityo bamwe bikabatera ubwoba bakibwira ko ari uburwayi nyamara sibyo, hari bamwe n'abamwe usanga baza kunsobanuzza kuko nirirwana nabo umunsi ku munsi nkifashisha ubumenyi nahawe muburyo bwo kubaha ubufasha, kuriye mbona bikwiye ko abangavu, ingimbi n'urubyiruko bikwiye ko bigishwa ku buzima bw'imyorokere n'uburenganzira bijyana, kuko ubu urubyiruko turera usanga ababashije guhugurwa bagira imyitwarire itandukanye nabatarahuguwe, imibanire n'abandi usanga nayo yarahindutse k'uburyo bitugaragariza ko bimwe mu bibazo biterwa no kutagira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyorokere n'uburenganzira bijyana bizacika burundu.

TUGANIRE NANJYE!



Bangavu, ingimbi namwe rubyiruko, ikibazo cy'ubuzima bw'imyororokere n'uburenganzira bubushamikiyeho, ni kimwe mu bibazo byugariye urubwiruko ku isi harimo no mu Rwanda, kenshi na kenshi usanga urubwiruko rudafite amakuru ahagije ku bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere n'uburenganzira bijyanye, abenshi mu bangavu, ingimbi n'urubwiruko muri rusange usanga badafite ubumenyi, imyumvire n'ubumenyiringiro bihagije cyangwa bikwiye ku bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere. Ibi bigaterwa n'impamvu zitandukanye kandi bikagira ingaruka zikomeye ku buzima bwabo, imiryango bakomokamo ndetse ni Igihugu muri rusange, muri izi mpamvu ziganjemo imyumvire itariyo bamwe baba bafite ishingiye ku myemerere, imyizerere, imyumvire ndetse n'umuco, aho usanga bamwe bumva ko kugira, kumenya cyangwa gusobanuzwa ibijyanye n'ubuzima bw'imyororokere bifatwa nko kwica umuco, amahano cyangwa se ubushizi bw'isoni. Nyamara ntibamenye ko kugira amakuru y'ukuri ku buzima bw'imyororokere bibafasha gukora amahitamo akwiye kandi mazima, ndetse ari uburyo bwiza bwo kwirinda ibishuko bibashora mu mibonanompuzabitsina ndetse n'ibyakwangiza ubuzima bwabo kubera kutagira amakuru y'ukuri kandi y'izewe no kumenya uburenganzira bafite ku buzima bwabo bw'imyororokere. Abangavu, ingimbi n'urubwiruko iyo batagize amakuru ahagije ku buzima bw'imyororokere n'uburenganzira bijyana, bahura n'imbogamizi zitandukanye ku buzima bwabo zishingiye ku kutamenya, twavuga mo kutamenya Serivise bemerewe guhabwa ku buzima bwabo bw'imyororokere ndetse ntibamenye naho bazikura mugihe ari ngombwa, muri izo serivise twavuga:

-Serivisi zibanda cyane ku buzima bw'imyororokere harimo izo gukumira inda ziterwa abangavu; - Gukumira no kuvurwa indwara zandurira mu mibonanompuzabitsina idakingiye; -Gukumira ihohotera rishingiye ku gitsina no gufasha abarikorewe; - Ubujyanama no gupimwa Virusi itera SIDA; - Ubujyanama ku bitegura kurushinga; - Ubujyanama, gupimwa no gukurikirana ubuzima bw'abakobwa batwite; -Ubujyanama bujyanye no kwirinda gukuramo inda mu buryo budakurikije amategeko no kwita ku wagize ingaruka zo gukuramo inda; -Inyigisho ku kamaro ko gukebwa ku bahungu no gutanga iyo serivisi.

Iyo abangavu, ingimbi n'urubwiruko batinyutse, bakagira amatsiko yo kumenya ndetse bakaganirizwa ku buzima bw'imyororokere barushaho kumenya ko izo serivise bazemerewe ndetse bakamenya ko ari uburenganzira bwabo kuzihabwa kandi kugihe, usanga kandi bafite amakuru ahagije yaho bashobora kuzikura nko kwa muganga, mu kigo cy'urubwiruko, Isange one stop center, cyangwa ku ishuri bigaho kubari mu mashuri, ibi ni uburenganzira bwa buri wese yemerewe ndetse muri ubwo burenganzira hiyongeraho: Uburenganzira bwo kubaho; - Uburenganzira ku busugire bw'umubiri; - Uburenganzira bwo gufatwa kimwe no kudahazwa muri gahunda z'ubuzima bw'imyororokere; - Uburenganzira bwo gushaka, gushinga urugo no kugira umuryango; - Uburenganzira ku kubahiriza ubuzima bwite bwa muntu no kugirirwa ibanga; - Uburenganzira bwo kubona amakuru no kwigishwa ku buzima bw'imyororokere ndetse n'uburenganzira ku buzima buzira umuze. Ku bangavu n'abakobwa bamenye ko bafite uburenganzira bwo kwakwa uruhushya mugihe hari ikigiye ku bakorerwaho, bamenye ko aribo ubwabo bemera gutanga ubwo burenganzira bwo kwemera cyangwa guhakana icyo badashaka kibakorerwa gishingiye ku buzima bw'imyororokere, ingimbi n'abahungu nabo bamenye neza kubahiriza uburenganzira bwa bashiki babo ntibumve ko aribo babafatira ibyemezo kuri buri kimwe nko kubakoresha icyo badashaka n'ibindi.

MUKIZA Christophe
Umuganga mu kigo nderabuzima cya
Kamabuye / Bugesera



M@GAZINE